ITANGAZO RIGENEWE ITANGAZAMAKURU

Ejo tariki ya 20/07/07 ku cyicaro cy'Urukiko rw'Ikirenga ku Kimihurura, hashojwe imirimo y'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Iyo nama yari iyobowe na Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza Madamu CYANZAYIRE Aloysie, ikaba yarahuje abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza kuva tariki ya 16/07/07.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku byari ku murongo w'ibyigwa, Inama Nkuru y'Ubucamanza yafashe ibyemezo bikurikira :

1. **Inama Nkuru y'Ubucamanza yasuzumye inemeza ibyavuye mu ipiganwa ku myanya y'Umwanditsi Mukuru n'Abanditsi mu nkiko zisumbuye inabashyira mu myanya ku buryo bukurikira :**

- **Madamu RAFIKI Emerence : Umwanditsi Mukuru mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo**
- **Bwana HABINEZA Jean de Dieu : Umwanditsi mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo.**
- **Bwana TWAGIRAMUNGU Vincent : Umwanditsi mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyagatare.**

2. **Inama Nkuru y'Ubucamanza yasuzumye inemeza kandidatire z'abacamanza n'abanditsi b'inkiko z'ubucuruzi.**

3. **Inama Nkuru y'Ubucamanza yemereye abacamanza bari basabye kuba bahagaritse akazi inabasimbuza abandi, isuzuma kandi amadosiye y'abasabye kwimurwa no gutizwa ahandi ibifataho umwanzuro.**

4. **Inama Nkuru y'Ubucamanza yirukanye burundu mu kazi abakozi b'inkiko bakurikira :**

    - **uwari Umwanditsi w'urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, Bwana NDAYISENGA Private, kubera ikosa ryo guhindura urubanza ;**
    - **uwari Umwanditsi mu Rukiko rw'Ibanze rwa Gatunda, Bwana NIYONZIMA Laurent , kubera ikosa ryo guhindura inyandiko-mvugo y'iburanisha ;**
    - **uwari Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Huye, Bwana UWIZEYIMANA Evode, kubera ikosa ryo kwaka umuburanyi amafaranga, amubeshya ko ayajyaniye undi mucamanza kugirango azace urubanza amubogamiyeho.**

5. **Inama Nkuru y'Ubucamanza yahanishije abacamanza babiri bo mu nkiko z'Ibanze gukatwa ¼ cy'umushahara wabo mu gihe cy'ukwezi kumwe kubera amakosa yabagaragayeho. Abo ni : MUKANTABANA Consolée na MUTUYIMANA Angélique**

Bikorewe ku Kimihurura, kuwa 21/07/07

UWAMAHORO Justine
Ushinzwe Itangazamakuru
mu Rukiko rw'Ikirenga